# IJAMBO RY' UMUKURU W'UMURYANGO W'ABAPADIRI B'ABAPALOTTINI MU RWANDA, RDC NO MU BUBILIGI, PADIRI EUGENE NIYONZIMA

Excellence Mgr Andrzej Józwowicz, Nonce Apostolique, au Rwanda

Nyiricyubahiro Musenyeri Antoine Kambanda, Arkiyepiskopi wa Kigali ;

Révérend Abbé Secretaire de la Nonciature au Rwanda ;

Nyakubahwa Vicaire Général na ba Vicaires Episcopaux bari hano ;

Ba nyakubahwa bapadiri ;

Bihaye Imana;

Banyanyacyubahiro bayobozi bacu, barimo umaze kutubwira ijambo ryiza, Bwana Kangwagye uhagarararariye RGB ;

Banyacyubahiro bakristu ba Paruwasi ya Gikondo ; mumbabarire mbite abanyacyubahiro mbikuye ku mutima, kandi muri bo.Munyemerere mbite abanyacyubahiro kuko mwiyubahishije, kuko burya umuntu yubahwa ari uko yiyubahishije;Banyacyubahiro bakristu ba Paruwasi ya Gikondo ;

Kristu Yezu akuzwe ;

Uyu munsi, ni umunsi w'impurirane : Ni ibirori byo kwizihiza umunsi mukuru wa Visenti Pallotti, bikaba n'ibirori byo gutaha no guha umugisha iyi ngoro nziza cyane.

Abambanjirije bavuze cyane kuri iyi ngoro ; nimunyemerere ntinde cyane ku munsi mukuru wa Mutagatifu Visenti Palloti ; maze nanawuhuze n'iki gikorwa gikomeye turimo ubungubu.

Reka mbanze nifurize umunsi mwiza abantu bose bisunze Mutagatifu Visenti Pallotti. Mpere ku bapadiri, abafurere n'ababikira, ndetse n'abalayiki bo mu muryango cyangwa se bo mu rugaga rw'iyamamazabutumwa gatolika, umunsi mwiza kuri mwese.

Nifurize umunsi mwiza ibigo byose byitiriwe Visenti Pallotti, ndatekereza amashuri, nk'iri ryacu rya hano i Gikondo, ndatekereza amavuriro, ndatekereza icapiro, ndatekereza inzu yakira abashyitsi hirya hariya, by'umwihariko ndatekereza paruwasi duteraniyemo, mwese mbifurije umunsi mwiza wa Mutagatifu Visenti Pallotti.

Kwizihiza umunsi mukuru w'umutagatifu, ni uburyo bwo gushimira Imana ingabire y'urukundo n'imigenzo myiza Yezu Kristu yaduhaye, umuntu akagira umutagatifu yizihiza. Muri urwo rwego rero, kuri uyu munsi twizihizaho Mutagatifu Visenti Pallotti, turashimira Imana ibyiza byose yadukoreye, ibinyujije kuri Mutagatifu Visenti Pallotti.

Impano yo kunoza no gusakaza ukwemera nyakuri, ndetse no kuvugurura urukundo mu bantu, dore ko muri iki gihe rwakonje. Muri iyi si yacu, igenda itakaza ubumuntu, ubwo butumwa bukenewe cyane.

Twahujwe kandi nk'uko babikomojeho, no gutaha no guha umugisha iyi ngoro nziza.

Uretse no kuba abanyamuryango bashinzwe na Mutagatifu Visenti Pallotti ari bo bakorera ubutumwa muri iyi ngoro, hari n'ahandi Mutagatifu Visenti Pallotti ahurira n'iki gikorwa.

Ubundi muri kamere ye, nawe yakundaga Kiliziya cyane. Agakunda Kiliziya nk'umuryango w'abana b'Imana, ariko kandi akamenya no kwita kuri Kiliziya nk'ingoro, nk'inyubako ivomwamo ingabire z'Imana, aho ya migezi Musenyeri yahoze yigisha, itemba igana aho ubuzima bwavuye.

Kiliziya zose yashinze, abazi amateka w'umuryango, yazisanaga neza, yazitakaga neza, ku buryo n'ubu abazi Eglise San *Salvatore* in Onda, ari ho hari icyicaro gikuru cy'aba Pallottini, bazi ukuntu iyo ngoro isa neza cyane. Visenti Pallotti akimara kugirwa diregiteri wayo cyangwa umuyobozi wayo, yafashe imyaka ine yose, ayikorera amasuku, arayiryoshya, wagira ngo mbese, n'ibingibi turimo gukora wagira ngo niwe tubikomoraho. uyu munsi n'iyo ngoro iracyashashagirana. Nuko gusa abenshi baza birebera iyo mitako, ariko ubundi iyo mitako yasobanuraga uyituyemo, ari yo Mana Nzima, Bwiza buzira inenge.

Pallottti rero yakundaga gufata neza Kiliziya, ndetse asiga aduhaye umurage wo gukora ibikorwa bitandukanye ngo Kiliziya yacu irusheho gutera imbere, Kiliziya nk'umuryango w'Imana, ndetse n'iyi kiliziya dusengeramo, ngo nazo zibashe kugaragara koko nk'ingoro z'Imana. Nyamara muri ibyo byose, hari umurage yadusigiye nshaka kwibutsa uyu munsi, ari nawo watumye iki gikorwa kigerwaho.

Mutagatifu Visenti Pallotti,mu gihe cye, yaharaniye ko umulayiki yagira umwanya muri Kiliziya. Ko umulayiki yagira ijambo mu bikorerwa muri Kiliziya.

Ko umulayiki yafata ibyemezo afatanyije n'abashumba bayobora Kiliziya, kugira ngo umuryango w'abana b'Imana urusheho gutera imbere. Buriya kuba yaragizwe umutagatifu mu 1963, mu gihe harimo Concile ya Vatikani ya Kabiri, nuko iyo Concile yari imaze kwemeza uruhare rw'umulayiki muri Kiliziya.

Maze bamugira umutagatifu, kugira ngo bashimangire ko ibyo yigishije, ibyo yaharaniye, Kiliziya yose ibyemera.

Iyo izo mpano cyangwa se ubwo butumwa yaduhaye Kiliziya iza kubwirengagiza, igikorwa nk'iki ngiki ntabwo cyari kugerwaho. Kuko iyi Kiliziya yubatswe n'abalayiki.

Mwumvise ko hafi 80% ari abalayiki bubatse iyi Kiliziya. Maze abandi bakaza kudusozera, bivuga ko uruhare rwabo barukoresheje neza, umwanya wabo bawubagamo neza, ibikorwa byabo babikoze neza, Umwami ahabwe icyubahiro ubu n'iteka ryose. Nimumpere amashyi abalayiki b'i Gikondo.

Ibyo mbishimangiye nsaba abasaserdoti bo muri uyu muryango n'abandi bari hano, ngo twongere koko tuzirikane, twigishe, duhugure, duhe icyerekezo kandi dufatanye n'abalayiki bo muri kiliziya yacu, ubundi twiyubakire uyu muryango, murebe ngo na ba bandi bakeka ko kiliziya yacitse intege barumirwa.Bazumirwa kuko intege dufite ni nyinshi cyane, kandi nituzikoresha neza, zizatugeza ahashmishije.

Pallotti ntabwo yashidikanya, nta n'ubwo yigeze agira ubwoba bwo kugirira icyizere abalayiki.

Hari agakuru tuzi ku mateka ya Mutagatifu Visenti Pallotti, yari agiye kwandikisha igitabo cy'icyarabu, yashaka kugeza ubutumwa bwiza ku baqvuga ururimi rw2'icyarabu, ashakamo amakopi ibihumbi 10, byari bikeneye ama 'roupies", amafranga y'icyo gihe 400. Ubu yenda twavuga nka miliyoni enye cyangwa 40 simbizi neza. Afata umulayiki aramubwira ati: jya ku muhanda gusaba ariya mafaranga. Uwo mulayiki yitwaga Salvati. Abanza kugira ubwoba. Abanza no kugira isoni, aramubwira ati kugira ngo ngeyo banza umpe ibaruwa, batazigira ngo ndi umujura.

Visenti Pallotti yari yambaye umusaraba, awukuramo arawumuhereza, ati mu izina ry'uwababambwe kuri musaraba, genda uzayasaba kandi uzayibona. Aragenda ajya ku muhanda, agira ngo baramukubita nk'umujura. Agezeyo uwo yasabye mbere muri 400 yari akeneye, yamuhayemo ijanaajya ku wundi. Ageze ku bantu bangahe magana ane aba aruzuye. Asubira inyuma yiruka abwira Visenti Pallotti ati ya mafaranga ndayabonye.

Aramubwira ati sinakubwiye. Wa wundi uri ku musaraba, wa wundi nakubwiriye uzagufasha, nguwo uwaguhesheje.

Ibi mbibabwiye ngira ngo tutazava aho twirata, ngo twubatse ingoro nziza ngo tugire ngo ni imbaraga zacu. Nagira ngo twigire kuri Mutagatifu Visenti Pallotti, ko ibyo dukora byose, tubikoreshwa n'imbaraga z'uwababmbwe ku musaraba, Yezu Kristu Umukiza wacu. Abazitwaza ubukungu ntibazabigeraho, abazitwaza igitinyiro ntibazabigeraho, ariko abazitwaza imbaraga z'umusaraba, n'ibirenze ibi bazabikora.

Visenti, wowe n'ikipe yawe, bya bindi muteganya byose, mu izina ry'uwababmbwe ku musaraba, nimumukomeraho, nitumukomeraho, byose tuzabigeraho.

Ingingo ya nyuma y'iri jambo nabageneye, nagira ngo mbabwire ko Visenti Pallotti twizihiza uyu munsi, ni umutagatifu ariko ni n'umwarimu. Ni ishuri rikomeye cyane. Hari igihe wenda abapadiri cyangwa se abashinzwe iyi ngoro bazabasobanurira imitako irimo hano, ariko nimunyemerere mbereke shusho mu ziyoboye izindi, iriya iri inyuma y'aho abasenyeri bacu bicaye.

Iriya bayita Cenaculum. Bikira Mariya ari kumwe n'intumwa, igihe bari bicaye basenga bategereje Roho Mutagatifu. Igihe Padiri Mukuru w'iyi paruwasi yari arimo angisha inama kucyo twakorera hariya,muzi hari indi shusho, namugiriye inama nziza kandi yubaka.

Naramubwiye nti : reka dushyireho cenaculum yakozwe na Mutagatifu Visenti Pallotti.

Uko muyireba kuriya, niwe ubwe werekereye aba artistes, baraza bayishushanya bagendeye ku mabwiriza ye. Iriya shusho ni ishuri tuzajya twigiraho ko, abatoya, abakuru, abantu bose bo mu nzego zose, ni ishusho tuzajya twigiraho ko ibyo dukora byose tugomba kubikora twiyambaje Roho Mutagatifu, utumurikira kandi akatuyobora.

Ni ishuri ritwigisha ko twebwe abemeye Yezu Kristu, tugomba guha umwanya ukomeye Umubyeyi Bikira Mariya. Nimumurebe aho ari, ari rwagati muri ziriya ntumwa Nari mbizi ko i Gikondo haba inshuti za Bikira Mariya cyane.

Twebwe abemeye Kristu, turi indabo za Mariya. Afite umwanya munini -mubirebe kandi birimo,

afite umwanya uhagije ku bamwemera, kandi ku bamwiringira, bakamuguma iruhande, akabagira inama nziza zo kurangiza ubutumwa bwabo, ku buryo n'igikorwa nk'iki kitatunanira turi kumwe nawe.

Igihe wenda nta muntu uzaba yicaye hariya kuri Altari, hari akantu keza cyane nagira ngo mbereke. Muzabona imfunguzo zirambitse hasi. Iriya ni ishusho, ni ishuri. Hari ifunguzo zirambitse hasi iruhande rwa Mutagatifu Petero.

Muzi ko ari we wari waragijwe za mfunguzo. Ariko biriya Mutagatifu Visenti Pallotti, yatwigishirijemo ko n'abahawe ububasha, n'abahawe ubuyobozi muri Kiliziya, iyo bibaye ngombwa, ubwo bubasha babushyira hasi, kugira ngo babashe kumva abandi, babatege amatwi, maze ubushishozi bukorerwe hamwe, ntawugendeye ku gitinyiro cye, ntawugendeye ku bubasha bwe, ahubwo muri Kiliziya abantu batekerereza hamwe, maze bagere ku bintu bifatika nk'iyi ngoro dutaha uyu munsi.

Ariko imfunguzo ntazita, iyo inama irangiye arongera akazifata. **Nagira ngo Padiri Mukuru atazibagirwa inshingano ze, agasiga imfunguzo mu cyumba cy'inama.** Nimumara kuganira mwujuje umugambi, uzongere uzibike kuko Musenyeri waziguhaye azazikubaza umunsi umwe.

Ariko cya kindi twita clericarisme excessif, kumwe abapadiri bigira indakoreka, bakgira ibihangange, bakaba bazi ko ari bo bashobora kuvuga rikijyana cyangwa rikumvikana, ntibumve abandi, ntibakorane n'abandi, ibyo ngibyo Mutagatifu Visenti Pallotti yarabitubujije.

Dukorane n'abalayiki,dukorane n'abandi, tumenye umwanya wacu, maze twubake Kiliziya, irusheho kuba nziza.

Kurangiza kwanjye mu gushimira nsisubiramo abo bashimiye bose.

Nimunyemerere nice protocole, mbanze mpere ku byanyacyubahiro navuze, ba bandi bo muri Paruwasi ya Gikondo. Bakristu ba Paruwasi ya Gikondo. Munyemerere tubanze dushimire abanyacyubahiro ba Paruwasi ya Gikondo, ari bo bakristu b'iyi paruwasi. Mu izina ry'umuryango w'aba Pallottini, ndabashimiye cyane muri abana beza. Muri abantu beza.

Nshimire abasaserdoti, ikipe ikorera muri paruwasi, irangajwe imbere na Padiri Chrysante, na Vicaire we Padiri Dominiko Bikorimana, na Ferdinand, abo bose, n'ikipe y'inama nkuru ya Paruwasi,mubampere amashyi.

Nshimire kandi by'umwihariko Arkiyepiskopi wa Kigali, Umushumba wacu , watwemereye ko duhindura protocole yo gushimira. Mu gihe gito amaze agizwe umushumba w' Arkidiyosezi, ni ubwa kabiri ageze hano muri Paruwasi yacu. Mumumpere amashyi. Ni ikimenyetso cy'urukundo rukomeye, kandi cy'uko adushyigikiye muri byose kandi azagumya akadushyigikira.

Ndangize rero nshimira na Nyiricyubahiro Musenyeri Nonce Apostolique: *Excellence, votre présence ici est très significative. Je dirais même qu'à travers vous, le Pape François est parmi nous. Votre présence ici est un signe de communion ecclésiale, de fraternité sacerdotale, mais avant tout, c'est un signe de l'amour que vous aimez cette Eglise du Rwanda. Que Dieu qui vous a donné cette mission, que le Saint Père qui vous a confié cette tâche, soient aussi remerciés à travers vous. Je suis sûr que, quand vous aurez le temps, vous lui transmettrez nos salutations et nos remerciements. Merci beaucoup pour votre présence, Excellence Monseigneur. Nous remercions aussi le Secrétaire de la Nonciature Apostolique , sa présence parmi nous est aussi significative.*

Ndangirije aho ngaho mbatura Nyagasani, ngo uwabahaye azabongere, kandi azabongere inshuro zirenze ijana.

Nyagasani Yezu nabane namwe.